REWU

RWANDA EXTRACTIVE INDUSTRY WORKERS UNION

Join us for your better future

Kigali, 01/ 11/ 2024

Ref: 1537./REWU/2024

Bwana Muyobozi Mukuru wa Rutongo Mines Ltd

**Impamvu** : Raporo y'inama.

Bwana Muyobozi Mukuru.

Sendika REWU yishimira ubufatanye mubagarariza mu mikoranire myiza no kuzuzanya aho bibaye ngombwa, Ku mugereka, twifuje kubagezaho raporo y'inama yahuje Sendika ya REWU n'ubuyobozi bwa Rutongo Mines Ltd.

Mugire amahoro.

**Eng. Andre MUTSINDASHYAKA**
**REWU Secretary General**

RWANDA EXTRACTIVE INDUSTRY REWU WORKERS UNION

Po

Deputy Secretary General

P.O. Box 2354 KIGALI; +250 788 307153; Location: KG157, Gasabo District, City of Kigali.
rewu.tradeunion@gmail.com; **Website:** www.rewu.org.rw

# RAPORO Y'INAMA YAHUJE SENDIKA REWU N'UBUYOBOZI RUTONGO MINES

**Italiki: 13/09/2024**

Aho inama yabereye: Ku kicaro cya Rutongo Mines Ltd

Ibyari ku murongo w'ibyigwa: Kuganira ku bibazo bya **Bwana Kayinamura Donath, NDAYISENGA Innocent na MBYARIYEHE Faustin**

**Abitabiriye inama:**

**a) Ku ruhande rwa Sendika REWU**

- BWANAKWERI Jean Marie Vianney: Deputy Secretary General
- UWIMANA Jeanne: Presidente wa REWU muri Rutongo Mines Ltd
- NSHIMIYIMANA Emmanuel: Vice President wa REWU muri Rutongo Mines Ltd
- NDAYAMBAJE Jean Claude: Ushinzwe iterambere ry'uburinganire muri REWU ya Rutongpo Mines

**b) Abakozi bari bafite ikibazo**

- Kayinamura Donath
- NDAYISENGA Innocent
- MBYARIYEHE Faustin

**C) Abari bahagarariye Rutongo Mines**

- CYAMIZA Charles: HR Manager
- NSENGIMANA Ernest: HR officer
- HABUMUREMYI Leonard: Community Liaison officer

| No. | IZINA RY'UMUKOZI | IKIBAZO CYE MU NCHAMAKE | ICYO RUTONGO MINES IBIVUGAHO | UMWANZURO UFASHWE |
|---|---|---|---|---|
| 1. | **KAYINAMURA Donath** | Ashinjwa kwiba Welding Machine na Grinding Machine bikaba byarabereye ku ruganda I Nyamyumba kuwa 10/11/2023. Bamutumije muri disciplinary hearing bamufatira umwanzuro wo kumwirukana . Yarajuriye ariko kugeza ubu ntarahamagarwa ngo aburanishwe. | Uhagarariye abakozi yavuze ko Ubujuire bwe ntibwaburanishijwe bitewe n'ihindagurika ry'abayobozi ba Rutongo Mines. | Ubwo bujurire buzaburanishwa tariki ya 20/09/2024 |
| 2. | **Mbyariyehe Phaustin** | Ashinjwa ubujura bw'amabuye y'agaciro( gasegereti) yabereye Nyamyumba kuri Bv 32 tariki ya 3/11/2023<br><br>Asobanura ko kuri uwo muinsi bari bakoze ari batatu hanyuma basohoka muri tunnel uwitwa **Ngarambe Pacifique** yasohokanye Box ibika imashini bari binjiranyemo, bageze hagati atwazwa na **Ndayisaba Jean Pierre** ageze hanze ayitereka hasi arikomereza nuko umu sekirite asaba **Mbyariyehe** kuyifungura<br><br>Yarayifinguye asangamo gasegereti hanyuma Sekirite ahita amutanga nk'umujura ufatiwe mu cyuho maze ikigo gifata umwanzuro wo kumwirukana kitamuhaye umwanya wo kwitaba akanama ka discipline ngo abisobanure **anasabe ko babaza uwo musekirite uwari wasohokanye ako gasanduku** | Uhagarariye abakozi yavuze ko bagendeye kuri raport ya security ko ndetse n'amategeko y'ikigo umukozi wafatiwe mucyuho adahabwa umwanya wo kwisobanura, ko bityo batarenga ku itegeko | Hashingiwe ko umuyobozi we **superivisor** yavuzeko ubusanzwe Mbyariheye phaustin yari umukozi mwiza w'inyangamugayo igihe hazakenerwa abakozi uyu azahabwa amahirwe agasaba akazi bundi bushya |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | **Innocent** | 20 abakozi batoboje imitarimba migufi nyuma **Ndayisenga** nka Team Leader akaza kwisobanura avuga ko ko ariyo yari yahawe na supervisor we ko ariwe wakagombye kubazwa impamvu batoboje imitarimba migufi kandi bari gutobora imyobo miremire kuko ibikoreshwa mu guturitsa byagombaga gukoreshwa mu myobo miremire. Yaratumijwe arisobanura ariko umukoresha afata umwanzuro wo kumwirukana | yasobanuye ko NdayIsenga nka team leader nawe ashinzwe gukurikirana imirimo yose yakozwe muriyo tunnel bityo akaba yaragizemo uburangare | yakoze ari uburangare bukaba butagize ikosa rikomeye bityo bikaba bitakamuviriyemo kwirukanwa, azahanishwa kwihanangirizwa mu nyandiko nyuma agarurwe mu kazi. |

**Bikorewe Kigali kuwa ..........**

**Umwanditsi w'Inama**

**Uwimana Jeanne**

**Umuyobozi w'Inama**

**Bwanakweri JMV**